# Amabwiriza

**Buri tsinda rigomba gukurikiza amabwiriza y'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga. Nta mahitamo ahari.**

1. Umuntu cyangwa itsinda ritemera Amahame yo Kwizera n'Amabwiriza y'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga, ntazagira uburenganzira afite bwo gukoresha izina cyangwa ikirangantego cy'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga, cyangwa guhagararira umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga mu buryo ubwo ari bwo bwose.
2. Umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga ntiwamamarizwamo ibitekerezo runaka, kabone n'ubwo byaba bifite ishingiro. Kwinjira mu bibazo bya politiki cyangwa by'imibereho y'abaturage bikorwa n'umuntu ku giti ke. Nta na rimwe izina ry'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga rigomba gukoreshwa mu bibazo byo hanze.
3. Kugirirana ibanga bituma habaho kwizerana mu muryango. Kubera iyo mpamvu, ibyifuzo byose byo gusengerwa bigomba kugirwa ibanga rikomeye.
4. Amatsinda y'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga ntiyemerewe guteranira mu bigo by'amashuri. Dusengera amashuri, ariko ntituyasengeramo.
5. Abagize amatsinda y'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga ntibemerewe gusaba amashuri ibyifuzo byo gusengerwa cyangwa gushyira ku mashuri agasanduku kagenewe gushyirwamo ibyifuzo byo gusengerwa.
6. Abagize amatsinda y'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga ntibemerewe kwifashisha ibigo by'amashuri ya Leta ngo bashake abayoboke.
7. Birabujijwe gukoresha izina cyangwa ikirangantego cy'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga utabifitiye uruhushya. Ni ikirango cy' umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga, kandi kugikoresha bisaba uruhushya rwanditswe rutangwa n'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga.
8. Ibikoresho mfashanyigisho by'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga ni iby'umuryango gusa. Nta na rimwe bigomba gukodeshwa cyangwa gutizwa, yaba ari umuntu ku giti cye, umuryango, umushinga, ndetse ntibigomba gukoreshwa mu zindi gahunda zidafitanye isano n'Umuryango.
9. Kwamamaza uko ariko kose ntikugomba kugaragara mu gikoresho na kimwe cy'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga.
10. Mu rwego rwo kureka hakabaho guhuza no gukurikiza intambwe enye zo mu gihe cyo gusenga, muri cya gihe cy'isaha imwe yo gusenga mu muryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga, twirinda imyemerere yo mu mwuka iba mu matorero atandukanye , nko kuvuga mu ndimi n'ubundi buryo bwo gusenga. Ibi bikozwe mu rwego rwo kubaha bose nta rubanza ruciwe. Twubaha ubumwe mu rusobe, ngo bishoboke ko buri mugore yakwitabira.
11. Abanyamuryango b'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga ntibemerewe kwicara mu nteko zo gusebanya cyangwa mu biganiro bigamije kunegurana.
12. Umuryango w'ababyeyi b'abagore basenga wemera urugo nkuko Bibiliya iruvuga nk'isezerano hagati y'umugabo umwe n'umugore umwe.
13. Amatsinda y'umuryango mpuzamahanga w'Ababyeyi b'abagore basenga yagenewe abagore gusa.

Moms in Prayer INTERNATIONAL™

Ababyeyi Mu Masengesho Mpuzamahanga

momsinprayer.org